/M.D./

22 JUIL. 1983

1914/12.04

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino
S/Prefegitura KIYUMBA
G I T A R A M A.-

Bwana Umuyobozi,

Nkulikije ibaruwa yawe n°022/12.07/06 yo kuwa 25/05/1983, nejejwe no kugushimira ibikorwa byiza ukorera urubyiruko ushinzwe, nkaba kandi ngusaba gukomeza gutera inkunga abo bakuru b'urubyiruko muli za cellule mu nama uzajya ugirana nabo.

Niba warumvise Diskuru ya Nyakubahwa Prezida wa Républika yo kuwa 26 Kamena 1983 afungura KONGRE YA KANE ya M.R.N.D, badusabye ko twese tugomba guhagurukira icya limwe tukáta kuli urwo rubyiruko. Uzakorane inama n'abo bakuru b'urubyiruko bo muli za cellules, ubasobanulire neza icyo bagomba gukora, kugirango bazatangirane akazi umutima mwiza, umutima wo kwitangira abandi.

Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

/M.D./ Kigali, le

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino
S/Prefegitura KIYUMBA
G I T A R A MA.-

Bwana Umuyobozi,

Nkulikije ibaruwa yawe N° 022/12.07/06 yo kuwa 25/05/1983, nejejwe no kugushimira ibikorwa byiza ukorera urubyiruko ushinzwe, nkaba kandi ngusaba gukomeza gutera inkunga abo bakuru b'Urubyiruko muli za cellule mu nama uzajya ugirana nabo.

Niba warumvise Diskuru ya Nyakubahwa Prezida wa République yo ku wa 26 Kamena 1983 afungura KONGRE YA KANE ya M.R.N.D., badusabye ko twese tugomba guhagurukira icya limwe tukita kuli urwo rubyiruko. Uzakorane inama n'abo bakuru b'urubyiruko bo muli za cellules, ubasobanulire neza icyo bagomba gukora, kugirango bazatangirane akazi umutima mwiza, umutima wo kwitangira abandi.

Ministri w'Urubyiruuko
n'Imikino
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

Domina

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino
S/Prefegitura
Kiyumba /GITARAMA

Bwana Umuyobozi,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 022/12.07/06 yo ku wa 25.05.1983, nejejwe no kugushimira ibikorwa byiza ukorera urubyiruko ushinzwe, nkaba kandi ngusaba gukomeza gutera inkunga abo bakuru b'Urubyiruko muli za cellule mu nama uzajya ugirana nabo.

Niba ~~warakulikiye~~ warumvishe Diskuru ya Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yo ku wa 26 Kamena 1983 afungura KONGRE YA KANE YA M.R.N.D., badusabye ko twese tugomba guhagurukira icya limwe tukita kuli urwo rubyiruko. Uzakorane inama n'abo bakuru b'urubyiruko bo muli za Cellules, ubasobanulire neza icyo bagomba gukora, kugira ngo bazatangirane ikazi umutima mwiza, umutima wo kwitangira abandi.

Ministri W'Urubyiruko
n'Imikino
Ndindiliyimana Augustin
Major BEM

DEP
pour exécution
3/6/83

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE GITARAMA
S/PREFECTURE KIYUMBA
SERVICE DE LA JEUNESSE
<u>ET DES SPORTS</u>.-

Kiyumba, le 25.05.1983.
N° 022/12.07/06

Ecrire en appreciant ces actions.

Vu 7/6/83

A traiter par : D.G. Jeunesse
Date entrée : 30/5/83
N° Classement : 2740/...

Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
K I Y U M B A.-

Bwana S/Prefe,

Mu nama Ministiri w'Urubyiruko n'Imikino yagiranye n'abashinzwe Ubuyobozi bw'Urubyiruko n'Imikino bo muli Prefegitura ya Gitarama kuwa 05 Werurwe 1983, yasobanuye ubulyo Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino ku rwego rwa Komini, rwa S/Prefegitura n'Urwa Prefegitura, adashobora ~~kugera~~ kugera ku Rubyiruko rwose rwo mu Cyaro ashinzwe. Yasobanuye rero ubulyo yakwifashisha abandi bakuru b'Urubyiruko muli za Segiteri naza Cellule, batorwa n'Urubyiruko ubwarwo, bakorera ubwitange n'Ubushake kandi ku buntu (Service bénévole).

Abo bakuru b'Urubyiruko rero, tukaba tubasanganywe muli S/Prefegitura ya Kiyumba, tukaba dusanga badufasha muli byinshi kandi badufitiye akamaro kenshi.

Mu nama nagiranye n'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino bo mu Makomini ya S/Prefegitura Kiyumba kuwa 06 Gicurasi 1983, Twize iby'icyo kibazo, dusanga tugomba kubagezaho ubulyo dukorana n' urwo Rubyiruko kuva aho bagereyeho, kugirango bahabwe uburenganzira bwo gukomeza uwo mulimo batangiye kandi bativovotera, ubushobozi bwabo bumenyekane mu nzego zo hejuru.

Tukimara gushyiraho abo bakuru b'Urubyiruko rero, twifuje kubanza kwiga cyane cyane ingorane tuzahura nazo mu byerekeye imikorere yabo, uko bazabyakira, n'ingorane zuko bashobora kuba babyanga bitewe nuko badukorera imilimo myinshi kandi nta mushahara. kuliyi ngingo ya Nyuma y'Umushahara rero, twabumvishaga ko bagomba kwitanga, bagafasha cyane cyane barumuna babo, bakitangira igihugu kandi ko alibo bikorera. Ibyo rero babyumvise neza.

Ubwo rero Komini yagiye ishyiraho iyabo Bakuru b'Urubyiruko, buli Komini igakora ikulikije programme yayo, Nyuma tuza kurebera hamwe imilimo badufashamo dusanga muli rusange ali iyi musanga ku rupapuro rukulikira, ku ngingo ya gatatu y'Amabwiliza twasanze ali ngombwa ko yashyirwaho, agakulikizwa Ubutegetsi bumaze kuyemera, ali nayo mpamvu y'uru rwandiko. Nukuvuga rero ko kuli aya mabwiliza, mushobora kugira icyo mwahinduraho, cyangwa mukongeraho.

.../...

/NT.A./MUNY.J.B./

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GITARAMA
S/PREFECTURE KIYUMBA

Kiyumba, kuwa 26 Gicurasi 1983

Nº 224/03.09.01/10

Bwana NSHIMYUMUKIZA Eliel
Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
S/Prefegitura
**KIYUMBA.-**

Bwana,

Ibaruwa yawe nº 022/12.07/06 yo kuwa 25 Gicurasi 1983 ifitanye isano na programu yo gukangura urubyiruko muli Komine, segiteri na selire yangezeho.

Umushinga ubwawo ntabwo ali mubi aliko kandi ntabwo ali ibyo gukorwa hutihuti, ahubwo bigomba imibonano n'ubutegetsi bwa za Komine kugirango mwigire hamwe uko iyo programu iteye n'uko inama z'urubyiruko zakorwa bishobotse ku rwego rwa segiteri kandi ukibuka ko hali urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa kugirango bishobotse buli gitsina kigire programu ihuje n'amatwara yacyo (ubushobozi).

Ku giti cyanjye lero kwanga ukugongana kw'abaselire, abajyanama n'abakuru b'urubyiruko muli selire, segiteri, wagombye gutegura iyo programu nshya hamwe n'ubuyobozi bwa Komine bishobotse abajyanama bahali kugirango programu yemejwe bazayigeze ku baselire babasobanulire neza icyo igamije kugeraho cyane cyane gukangura urubyiruko rwo mu cyaro.

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura Kiyumba, urubyiruko nirwo Rwanda rw'ejo, rugomba kugirwa inama hakili kare kugirango ruzakorere igihugu cyarubyaye, programu uteganya ugomba kuyigana n'ubutegetsi bwa Komine n'abashinzwe urubyiruko muli buli Komine.

Nko muli Komine Nyakabanda hali amakipe y'urubyiruko ayoborwa n'abakuru ayo makipe yatoye, byaba byiza usuzumye neza uko ayo makipe ateye (organisation) wasanga afite akamaro ukabishinga mu yandi makomine agize S/Prefegitura Kiyumba.

Nkwifulije akazi keza.

S/PREFE WA PREFEGITURA GITARAMA
S/PREFEGITURA YA KIYUMBA
NTAKONTUYE Alexis.-

26 MAI 1983

S/PREFECTURE KIYUMBA GITARAMA

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
  KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  GITARAMA.-
- Bwana Bourgmestre (bose)
  S/Prefegitura
  KIYUMBA.-
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli
  GITARAMA.-
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino (bose)
  S/Prefegitura
  KIYUMBA.-

DBP suite à donner 8/6/83

A traiter par ... DGJ

7/6/83 2799/12.04

Donner position du ministère

10/6/83